



REPUBLIKA Y'U RWANDA

Itangazo ku Ngamba zo Kurwanya Ikwirakwizwa rya Koronavirusi

14 Weruwe 2020

Minisiteri y'Ubuzima ishingiyeye ku ntera icyorezo cya Konovirusi kimaze gufata, yashyizeho amabwiriza mu rwego rwo kugabanya ikwirakwizwa ry'icyorezo cya Koronavirusi. Aya mabwiriza arahita ashirirwa mu bikorwa kandi aramara nibura igihe cy'ibyumweru bibiri:

- Insengero zirafunga guhera ku cyumeru tariki 15 Werurwe 2020, hashishikarizwa ko abantu basengera mu ngo.
- Amashuri na za Kaminuza (bya Leta n'abigenga) bizafunga guhera ku wa mbere 16 Werurwe 2020.
- Abakozi babyumvikanyeho n'abakoresha babo, barasabwa gukorera mu rugo aho bishoboka.
- Amahuriro y'abantu benshi nk'imikino ndetse n'ubukwe bibaye bisubitswe. Abitabira imihango yo gushyingura nabo barasabwa kujyayo ari bake.
- Ibikorwa by'ubucuruzi na za resitora bizakomeza gukora hashishikarizwa ko hashyirwa intera ya metero imwe (1m) byibuze hagati y'abantu.
- Ingingendo zitari ngombwa zigomba kugabanywa mu rwego rwo kwirinda ubucucike mu modoka zitwara abagenzi.

Gukaraba intoki ndetse no kwirinda guhurira ahantu hateraniye abantu benshi nibwo buryo bwonyine bwo kurwanya ikwirakwizwa rya Koronavirusi. Ni muri urwo rwego Minisiteri y'Ubuzima yibutsa Abaturarwanda gukomeza gukaraba intoki hakoreshejwe isabuni n'amazi meza ndetse no kwirinda guhurira ahantu hari abantu benshi. Udupfukamunwa dukenerwa cyane cyane n'abakozi bo kwa muganga cyangwa abarwayi.

Umuntu wese ufite ibimenyetso bisanzwe bya Koronavirusi (inkorora, umuriro) asabwe kuguma mu rugo agahamagara umurongo utishyurwa wa 114 cyangwa akamenyeshya umujyanama w'ubuzima umwegereye kugira ngo ahabwe amabwiriza n'ubufasha.

Kubahiriza aya mabwiriza ni umusanzu ukomeye wa buri wese mu kurinda igihugu cyacu n'abatwaga bacyo.



MINISITERI Y'UBUZIMA

www.moh.gov.rw